| Kinyarwanda I |
| --- |
| **009** |
| 30/10/ 2013 02:00 pm – 05:00 pm |

**REPUBLIC OF RWANDA**

**RWANDA EDUCATION BOARD**

**IKIZAMINI CYA LETA GISOZA ICYICIRO RUSANGE CY'AMASHURI YISUMBUYE 2013**

**IKIZAMINI: KINYARWANDA I**

**IGIHE KIMARA: AMASAHA 3**

**AMABWIRIZA:**

1) Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
2) Ikizamini kigizwe n'ibice bine:
   - **Igice cya mbere**: Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko **(amanota 37)**
   - **Igice cya kabiri**: Ikibonezamvugo **(amanota 43)**
   - **Igice cya gatatu**: Imyandikire yemewe y'ururimi n'umuco **(amanota 5)**
   - **Igice cya kane**: Ihangamwandiko **(amanota 15)**
3) Wubahirize itonde ry'ibibazo uko bikurikirana.
4) Usubize muri make utarondogoye.
5) Gusiribanga, guhindagura ibisubizo no kubihuza na mugenzi wawe cyane cyane ibipfuye bizafatwa nko gukopera cyangwa gukopezwa.
6) Amazina yawe cyangwa ay'ishuri wigamo ntagire aho agaragara uretse gusa ahabugenewe ku ikaye y'ibisubizo wujuje mbere yo gutangira iki kizamini.

**UMWANDIKO: UMUCO W'AMAHORO**

Ururimi n'umuco ntibitandukana; tuvuga ko ubwarwo ari ingobyi ihetse imigenzo, intekerezo n'indangagaciro za benerwo. Imico mibi ni ingeso zidakwiye kuturanga.

Kugira imico myiza ni ukunogera abakugana, ukabaakiira kandi ukababanira neza. Iyo umuntu atuje atêekaanye, nta kimubuza amahwemo, tuvuga ko yifitiye amahoro mu mutima we. Utayafite ntayaha abandi. Kuyagira umuco ni ukuyamenyeera, akakuranga mu mvugo no mu ngiro, wumvikana neza n'abandi.

Kugira amahoro kandi ni ukuba utarwaye, utaniha n'igicurane, uzîra icyago... Atangirira mu muryango iyo ababyeyi babanye neza, bakabana n'abana mu mutuzo uzira intugunda, amahane n'umwiryane. Akomereza mu baturanyi kuko ari bo batabara iyo habonetse ingorane. Umuturanyi musangira akabisi n'agahiye, ibibi n'ibyiza. Uwa hafi cyane muhuje inkiîke bamwitaga umuzimya w'umuriro. Uraterwa akagutabara, warwara akagusura, yagira ibirori akagutumira. Uko mugenderana ni ko mwifatanya mu byishimo no mu kababaro. Bisaba kenshi kurenzaho, kwibombarika no kutiyerekana uko uri. Ngo «Inkuba muturanye mu mahoro uyikeka kuba intûuro ». Iyo mutabanye neza, murangwa n'ishyari, urwikekwe, amakimbirane adashira. Abanyarwanda barerura bati «umuturanyi mubi arutwa n'itongo».

Iyo imihana ibanye mu mahoro, ingo ziyigize ziranezerwa. Iyo ari uko bimeze imisozi yose, igihugu kirangwa n'ituze n'umutekano. Abasokuruza bacu bifuzaga amahoro bakayifuriza abandi kugeza n'aho babishyira mu ndamutso ngo «Gira amahoro! Uraho ni amahoro masa?... iwanyu iyo uturutse ni amahoro?» Basezeraga bagira bati «(m)ugende amahoro». Amateka atubwira ko n'abami ubwabo bari basobanukiwe n'akamaro k'amahoro arambye hagati y'ibihugu byabo. Mutara I Semugeshi (1543-1576) yemeranyije na Mutaga II Nyamubi amasezerano bitaga imimaro y'u Rwanda n' u Burundi yo kutazashotorana, bahuriye mu Twicarabami twa Nyaruteja hafi ya Kansi.

Mu Rwanda, imisozi yitwa Buhoro ni myinshi cyane, imihaânda n'utuyira nyabagendwa, utubari banyweramo byitiririrwa amahoro; n'ikibuga cy'imikino n'imyidagaduro tuzi cyiswe Sitade Amahoro y'i Remera rya Kigali, izwi iwacu no mu mahanga kuko iberaho ibirori n'imikino kenshi. Abitwa ba Mahoro, Sebuhoro, Munyabuhoro, Uwamahoro, Nyiramahoro, Nyabuhoro; n'andi nk'ayo ntibabarika. Buhoro bwa Nyamireembe ni izina bitaga umugore w'inganirizi wakirizaga abashyitsi amagambo asize umunyu, anogeye amatwi. Ayo mazina akwiye kugenda asimbura amwe muri aya: Ntambara, Mahane, Banzi, Mbarimo, Ntamukunzi, Ntahondi, n'ayandi nk'ayo. Intama bayitaga inyâbuhôro kuko icisha make, igwa neza, ikarangwa n'umutuzo.

Ibibangamira amahoro biba byinshi: ukutumvikana ku miyoborere y'ibihugu, kwîikubira ibyiza abandi bakibagirana, ikandamiza rikabije, ivangura, itotezwa n'ihezwa rya bamwe mu benegihugu, imyemerere itandukanye, kubangamira bigaragara inyungu za ba mpatsibihugu bitwaza ko ari bo intangarugero muri demokarasi no kurêengera uburenganzira bw'ikiremwamuntu bihuhura imibanire mike y'abenegihugu, abigomeka bagatizwa umurindi.

Amakimbirane yashyize kera abyara imishyamirano, na yo ivamo guhangana no kurwana iy'amagambo cyangwa ikoresha intwaro. «Ibijya gucika bica amarenga». Ibihugu birundarunda ibitwaro ngo byo kwirinda, hari ubwo bibikoresha mu gutera abaturanyi cyangwa mu kumara abaturage babyo. Intambara irangira iyo rumwe mu mpande zishyamiranye rutsinzwe burundu cyangwa iyo imishyikirano yumvikanishije abarwanaga bakagira ubutwari bwo guhara urugamba.

Impamvu zitera intambara ziranyuranye. Zimwe zigira ishingiro, nyamara haba n'izihishwa zimenywa gusa n'abashoza imirwano rimwe na rimwe bîireebera isokô ry'intwaro bacura n'inyungu zabo bwite, batitaye ku kababaro k'abicwa, abahunga, abamugara n'abacûuzwa utwabo. Iya kabiri twavuga ihora ishyamiranya abantu, ishingira ku myemerere y'amadini itandukanye. Urugero u Burayi n'Amerika by'abemera Kristu/Kristo n'Aziya yemera Muhamadi bahora ku rugamba rutagerura.

Kwibohora ingoma y'igitugu ikandamiza abaturage, izira ukwishyira ukizana na demokarasi, bijyana no gukuraho ingoma zigundira ubutegetsi, ziramba zikarambirana, zihindagura itegeko nshinga na byo kenshi byabaye intandaro yo kwiroha mu ntambara. Izarwanyaga abakoroni bitwaga baa gashakabuhake, iz'impinduramatwara ziboneka mu bihugu biri mu nzira z'amajyambere zashyirwa muri urwo rwego. Akarengane k'igihe kirekire, kuburabuzwa, guhêezwa kw'abenegihugu, kuvangurwa, gutotezwa no gusumbanya nk'uko byahoze mu Rwanda mbere ya 1994 na byo bishobora guteza ubushyamirane, imidugararo n'intambara. Ibitunga abantu n'ibyo bakuraho ubukungu iyo bibaye bike barabirwanira. Ni byo bagira bati: «abasangira badashyize hamwe, babirwaniramo». Intambara zifata ubutaka, ziimûra imipaka zâgura ibihugu cyane cyane iyo bihatse ubukungu nk'amabuye y'agaciro na peteroli ntizibarika. Imirwano ishyamiranya abahinzi n'aborozi mu bihugu bimwe by'Afurika iba kenshi. Iy'amazi mu Burasirazuba bwo Hagati (Middle East) yabuze gicâ. Uwatewe iyo afite agatege agerageza kwivuna umushotoye.

Gushaka ishema ryo kwitwa igihangange kizahora cyibukwa mu mateka na byo bishobora gutera intambara. Hari n'ubwo ibihugu bifite amaboko n'ubushobozi byigarurira ibyo birusha ingufu, bikabyogeraho uburimiro. Ababigezeho bahora bibukirwa ku byiza cyangwa ibibi bakoreye abo basangiye igihugu. Amateka y'ibihugu akenshi ashingira ku ntambara byanyuzemo. Muri Nzeri 2001, Amerika iyobowe na G.W.Bush yashoje intambara yo kurwanya iterabwoba muri Afuganisitani yayoborwaga n'abataribani, ibyihebe bimaze

guhitana abantu barenze ibihumbi bibiri no gusenya iminara ibiri yari muri "New York" rwagati. Muri 2003, Abanyamerika batangije indi ntambara muri Iraki ya Saddam Hussein, bagamije kurwanya iterabwoba.

Ingaruka mbi z'intambara ntawazitindaho; mu karere k'Ibiyaga Bigari u Rwanda ruherereyemo, zirazwi bihagije. Ihitana abantu, iba intandaro y'ubupfubyi n'ubupfakazi, igahungabanya abayirokotse, irabahahamura, itera ubuhunzi, ikica amatungo, igasenya amazu, inganda, amateme, ibitaro, amashuri n'ibindi bikorwa remezo.

Uburyo buhwitse bwo kubungabunga amahoro ni ukubanza gushimangira umutekano no kwimakaza ubworoherane n'ubwumvikane iwacu. Duhere mu ngo zacu, ntitugire uwo duhoza ku nkeke, intonganya, agahimano n'ihangana kuko bitubaka: umugabo n'umugore barangwe n'umushyikirano uzira imbereka twakwita «gacaca y'urugo». Uwakoshereje mugenzi we agire ubutwari bwo guca bugufi asabe imbabazi. Abana nibateshuka ku nshingano zabo bibe uko.

Amakimbirane n'umwiryane mu baturanyi ba hafi tubyamaganire kure. Abaturanyi ni abasangira bagatumirana, bagashyikirana, bagatabarana. Baragenderana, bakaganira byinshi, ntibahishanye ibibahuza. Iyo habonetse kandi ibituma barebana ay'ingwe, nk'imbibi z'amasambu, abana cyangwa amatungo akurura igitotsi mu mubano wabo, baroroherana, bagatega amatwi abagamije kubungura inama no kubuunga aho kwanga kuva ku izima no kwirukira inkiko. Duturane tudatongana. Twibuke ko «Ababiri bashyize hamwe baruta umunani barasana».

Mu buyobozi na ho, iyo ibibazo bishyamiranya ababukuriye bibaye insobe, inzira nzima ibikemura si ibipfunsi, imigeri, igitugu, guharabikana cyangwa kwigomeka. Gushyikirana, no kujya inama ni byo bikwiye gushyirwa imbere. Iyo ukuri kugaragaye, kwemera icyaha iyo bwateshutse ku nshingano no kugisabira imbabazi si ubugwari ahubwo ni ubutwari. Ngo «Inama irakuka si akabande».

Ibihugu bituranye bikunda gupfa imipaka cyangwa impamvu z'ubukungu, z'umutekano cyangwa izo kwiharira ijambo mu karere. Ababifitiye ubushake bategа amatwi inzego zihuza impande zombi, bagashyira umukono ku masezerano hataronоnekara byinshi. Abanze kungwa no kumvikana bareka imirwano uruhande rumwe rutsinzwe uruhenu. Iyo imirwano imaze igihe kirekire, hakurikiraho kwakira ingabo z'amahoro, zifatanya n'abenegihugu, zikoresha intwaro, zibarinda gushotorana, zigenzura ko yubahirizwa. Abamenyekanye ko baharaniye amahoro bidashidikanywa mu rwego rw'isi bahabwa igihembo Nobeli cy'Amahoro.

Amahoro ni nk'amagara araseseka ntayorwa. Tubane, tworoherane, twihe amahoro, tuyabibe hose, tuyagire umuco, agere no ku bandi.

**IGICE CYA MBERE**

**A. KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO** **(amanota 25)**

***Icyitonderwa: Subiza ukoresheje amagambo yawe bwite. Niwandukura interuro z'umwandiko bizafatwa nkaho wakopeye.***

**1.** Andika indamutso gakondo imwe n'amagambo asezera bishingiye ku mahoro. ***(amanota 2)***

**2.** Uhereye ku mwandiko garagaza amazina bwite abiri (2) ya gikobwa yerekeye amahoro. ***(amanota 2)***

**3.** Garagaza ibintu bine (4) biri mu mwandiko bishobora kubangamira amahoro n'umutekano w'igihugu . ***(amanota 2)***

**4.** Andika ingaruka enye (4) z'intambara zavuzwe mu mwandiko. ***(amanota 2)***

**5.** Tanga ingaruka ebyiri wishakiye ku mwana nkawe zo kubuzwa amahoro mu muryaango. ***(amanota 2)***

**6.** Uhereye ku mwandiko,erekana ibimenyetso bine by'umubano mwiza n'abaturanyi. ***(amanota 4)***

**7.** Kwemera ukuri iyo habonetse ikosa bihuriye he n'umuco w'amahoro mu buyobozi? ***(amanota 2)***

**8.** Igihembo Nobeli cy'Amahoro gihabwa nde? Andika izina rw'umukambwe wo muri Afurika Y'Epfo wagihawe mu 1993. ***(amanota 2)***

**9.** Andika uburyo butatu (3) bwo kurangiza intambara buri mu mwandiko. ***(amanota 3)***

**10.** Akarere k'Ibiyaga Bigari kavugwa aha ni akahe (andika amazina y'ibihugu 4 nibura bikabarirwamo)? ***(amanota 2)***

**11.** Intama yitwa ite? kuki? ***(inota 1)***

**12.** Isomo uvanye muri uyu mwandiko ni irihe? ***(inota 1)***

**B. INYUNGURAMAGAMBO**

**13. Koresha amagambo usanzwe uzi usobanure aya magambo dusanga mu mwandiko wahawe.** ***(amanota 12)***

a) Kugira amahoro (ibisobanuro 2)

b) Kurebana ay'ingwe (amaso)

c) Umuzimya w'umuriro

d) Intambara y'amagambo

e) Gushoza imirwano

f) Kogera umuntu ho uburimiro

g) Kuguundiira ubutegetsi

h) Kwibombarika

i) Kwiharira ijambo

j) Kuva ku izima

k) Gutiiza umurindi

l) Kubura gicâ (urubanza )

**IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 43)**

**14. Garagaza ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo n'inteko abarizwamo cyangwa ngenga ku nshinga zitondaguye.** ***(amanota 10)***

a) Izindi mpanvu zitera intambara ni ubwumvikane buke no kwanga kuva ku izima.

b) Ndeka wa mugabo we ibikorwa byabo bibangamiye Uwamahoro

c) Ni nk'amagara, araseseka nti ayorwa.

d) Ingabo mpuzamahanga zirahuruzwa.

**15. Erekana intêgo y'amagambo aciyeho akarongo n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe (mu mpine)** ***(amanota 15)***

a) Icyo gihugu kigenzurwa n'ingabo z'Ubumwe bwa Afurika.

b) Bari bagose impande zose.

c) Sitade Amahoro yabeereyeho imyidagaduro.

d) Amahoro meza azira umuvundo ni yo akenewe.

e) Inyungu z'izo nzego zisiga impunzi ku imanga.

f) Imvugo ibe ingiro :uwakosheje wicuza ahabwe imbabazi

**16. Andika imimaro y'amagambo yaciweho akarongo.** ***(amanota 2)***

Biriya bihugu birunda intwaro bibangamira amahoro rwose.

**17. Garagaza ibicumbi by'aya magambo aciyeho akarongo.** ***(amanota 5)***

Zimwe mu nzira nziza zo gukemura amakimbirane ni umwiherero, ibiganiro n'umushyikirano .

**UBUTINDE BW'IMIGEMO N'AMASAKU**

**18. a) Tandukanya amagambo akurikira witabaje ubutinde bw'imigemo n'amasaku ariko ugabanye ibimenyetso.** ***(amanota 8)***

| | |
|---|---|
| Kumenyera (kugira akamenyero) | ≠ ........... (kwibukira) |
| intama (y'amazi) | ≠ ........... (itûungo ) |
| Kuvuna (gutabaara ) | ≠ ........... (gucamo kabiri) |
| Kurengera (kurwana ku muntu) | ≠............ (kumwambura uburenganzira) |
| Ukwakira (umushyitsi) | ≠........... (ukwezi kwa cumi) |
| Kanama (ukwezi) | ≠............ (umusozi wo muri Rubavu) |
| Gutungana (byose biteguwe) | ≠ ........... (gutunga batabishaka) |
| Gutuza (kumenesha) | ≠........... (gucisha make cg guha umuntu ikibanza) |

**b) Andika izi nteruro ugaragaza ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku nk'uko wabigenje haruguru.** ***(amanota 3)***

Duturane tudatongana, tutaryaryana, tworoherane, turangwe n'imbabazi, ubumwe n'amahoro.

**IGICE CYA GATATU: IMYANDIKIRE Y'URURIMI (amanota 5)**

**19. Kosora izi nteruro niba zirimo amagambo akosheje:** ***(amanota 5)***

a) ndagusanga i wanyu ni mugoroba tujyani kamembe. ***(amanota 2.5)***

b) mugabo yemezako mutarama na gashyantare ari amezi arangwa n'izuba mu bwanacyambwe. ***(amanota 2.5)***

**IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO (amanota 15)**

**20. Hitamo imwe mu nsanganyamatsiko zikurikira uyiramburemo umwandiko w'imirongo 20 n'amagambo 200 yose hamwe nibura.**

**a)** Uhereye ku ngero enye zifatika erekana akamaro k'amahoro mu majyambere y'igihugu.

**b)** Umubano mwiza n'amahoro birajyana. Bitangire ingingo enye wihitiyemo zerekeye umuryaango uvukamo, umudugudu wanyu, akagari kanyu, umurenge, akarere, intara, n'ibihugu bituranye.

**c)** Andika inyandikomvugo ku migendekere y'ibizamini by'uyu munsi n'Ikinyarwanda kirimo.